**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du peuple Rwandais

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2021, umunsi wa Gatandatu w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe **MUSABYIMANA Claudine**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **MUZAMUZI Pacifique** Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **NIYONAGIRA Jeannette** mwene Ntagozera Jean Bosco na Mukankaka wavutse kuwa 1/1/1981, ubarizwa mu Mudugudu wa Rango Akagari ka Karama, Umurenge wa Kazo, Akarere Ngoma, Intara y' Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa **n° RP 00776/2019/TGI/NGOMA** bukurikiranyeho **NIYONAGIRA Jeannette** ibyaha birimo Guta urugo no gukoresha umutungo w'urugo ku buryo bw'uburiganya, ibyaha biteganywa kandi bihanishwa ingingo za 139 na 150 z'Itegeko no 68/2018, ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;bikaza kugaragara ko atigeze abazwa na rimwe mu Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha,abatangabuhamya bakaba baragaragaraje ko ataragaruka mu rugo kugeza ubwo hatangwaga ikirego aregwa,akaba yarahamagajwe n'Ubugenzacyaha yemera kwitaba ariko yoherejwe ubutumwa bugufi kuri terefoniye igendanwa yanga kwitaba,bikaba bigaragara ko aho aherereye hataramenyekana;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko n° 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

Dutegetse **NIYONAGIRA Jeannette** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa **09/02/2021** saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

**UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI**

**MUSABYIMANA Claudine** | **MUZAMUZI Pacifique**